# Ntihagire icyo musiga mu ijosi ry'ingamiya nk'ikiziriko n'indi migozi mutagiciye

Hadithi yaturutse kwa Abi Bashir Al Answariy (Imana imwishimire) yavuze ko igihe kimwe yari kumwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) mu rugendo, Abu Bashir aravuga ati: Nuko Intumwa y'Imana yohereza intumwa -icyo gihe abantu bari mu mahema yabo- igira iti: Ntihagire icyo musiga mu ijosi ry'ingamiya nk'ikiziriko n'indi migozi mutagiciye."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yari muri rumwe mu ngenzo zayo, abantu nabo bari mu mahema yabo, ibohereza umuntu ngo ababwire ko bagomba guca ibiziriko biri mu majosi y'ingamiya cyangwa se ibindi bambikaga ingamiya mu ijosi kuko babikoreshaga nk'impigi bumva ko bizirinda ikijisho nuko ibategeka kubica no kubyambura ingamiya kubera ko ntacyo bibamarira, kandi ko uwagira icyo abatwara cyangwa akabagirira umumaro ari Allah wenyine udafite uwo abangikanye nawe.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY

لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee